

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 023/03 RYO KU WA 12/08/2022 RIGENA UBURYO INZEGO ZA LETA ZIKORESHA UBUTAKA BWA LETA</b></p>	<p><b>PRIME MINISTER'S ORDER N° 023/03 OF 12/08/2022 DETERMINING MODALITIES OF USING STATE LAND BY STATE ORGANS</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 023/03 DU 12/08/2022 DÉTERMINANT LES MODALITÉS D'UTILISATION DES TERRES DE L'ÉTAT PAR LES ORGANES DE L'ÉTAT</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></b></p>	<p><b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b></p>	<p><b><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri teka</u></b></p>	<p><b><u>Article 2: Scope of application</u></b></p>	<p><b><u>Article 2 : Champ d'application</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo</u></b></p>	<p><b><u>Article 3: Definitions</u></b></p>	<p><b><u>Article 3 : Définitions</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: UBURYO INZEGO ZA LETA ZIKORESHA UBUTAKA BWA LETA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: MODALITIES OF USING STATE LAND BY STATE ORGANS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: MODALITÉS D'UTILISATION DES TERRES DE L'ÉTAT PAR LES ORGANES DE L'ÉTAT</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Uburenganzira bw'urwego rwa Leta</u></b></p>	<p><b><u>Article 4: Rights of a State organ</u></b></p>	<p><b><u>Article 4 : Droits d'un organe de l'État</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Inshingano z'urwego rwa Leta</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Obligations of a State organ</u></b></p>	<p><b><u>Article 5 : Obligations d'un organe de l'État</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Imicungire y'imikoreshereze y'ubutaka bwa Leta</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Management of the use of State land</u></b></p>	<p><b><u>Article 6 : Gestion de l'utilisation des terres de l'État</u></b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 7:</u></b> Imicungire y'imikoreshereze y'ubutaka Leta y'u Rwanda yahawe n'ikindi gihugu</p> <p><b>UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTANGA UBURENGANZIRA BWO GUKOresha UBUTAKA BWA LETA N'UKO BUHEREREKANYWA</b></p> <p><b><u>Icyiciro cya mbere:</u></b> Uburyo bwo gutanga uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</p> <p><b><u>Ingingo ya 8:</u></b> Gusaba uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</p> <p><b><u>Ingingo ya 9:</u></b> Ibigize idosiye y'ubusabe bw'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta budakoreshwa n'urundi rwego rwa Leta</p> <p><b><u>Ingingo ya 10:</u></b> Isuzumwa ry'ubusabe bw'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta budakoreshwa n'urundi rwego rwa Leta</p> <p><b><u>Ingingo ya 11:</u></b> Itangwa ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta budakoreshwa n'urundi rwego rwa Leta</p>	<p><b><u>Article 7:</u></b> Management of the use of land allocated to Rwanda by another State</p> <p><b>CHAPTER III: MODALITIES FOR GRANTING RIGHTS TO USE STATE LAND AND THEIR TRANSFER</b></p> <p><b><u>Section One:</u></b> Modalities for granting rights to use State land</p> <p><b><u>Article 8:</u></b> Application for rights to use State land</p> <p><b><u>Article 9:</u></b> Content of the application file for rights to use State land not used by any other State organ</p> <p><b><u>Article 10:</u></b> Assessment of application for rights to use State land not used by any other State organ</p> <p><b><u>Article 11:</u></b> Granting rights to use State land not used by any other State organ</p>	<p><b><u>Article 7 :</u></b> Gestion de l'utilisation des terres cédées au Rwanda par un autre État</p> <p><b>CHAPITRE III : MODALITÉS D'OCTROI DES DROITS D'UTILISATION DES TERRES DE L'ÉTAT ET DE LEUR TRANSFERT</b></p> <p><b><u>Section première :</u></b> Modalités d'octroi des droits d'utilisation des terres de l'État</p> <p><b><u>Article 8 :</u></b> Demande des droits d'utilisation des terres de l'État</p> <p><b><u>Article 9 :</u></b> Contenu du dossier de demande des droits d'utilisation des terres de l'État non utilisées par aucun autre organe de l'État</p> <p><b><u>Article 10 :</u></b> Examen de la demande des droits d'utilisation des terres de l'État non utilisées par aucun autre organe de l'État</p> <p><b><u>Article 11 :</u></b> Octroi des droits d'utilisation des terres de l'État non utilisées par aucun autre organe de l'État</p>
---	---	--

<p><b><u>Icyiciro cya 2:</u></b> Uburyo bw'iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</p>	<p><b><u>Section 2:</u></b> Modalities for transfer of rights to use State land</p>	<p><b><u>Section 2 :</u></b> Modalités de transfert des droits d'utilisation des terres de l'État</p>
<p><b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Gusaba iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</p>	<p><b><u>Article 12:</u></b> Application for transfer of rights to use State land</p>	<p><b><u>Article 12 :</u></b> Demande de transfert des droits d'utilisation des terres de l'État</p>
<p><b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Ibigize idosiye y'ubusabe bw'iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</p>	<p><b><u>Article 13:</u></b> Content of the application file for transfer of rights to use State land</p>	<p><b><u>Article 13 :</u></b> Contenu du dossier de demande de transfert des droits d'utilisation des terres de l'État</p>
<p><b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Isuzumwa ry'ubusabe bw'iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</p>	<p><b><u>Article 14:</u></b> Assessment of application for transfer of rights to use State land</p>	<p><b><u>Article 14 :</u></b> Examen de la demande de transfert des droits d'utilisation des terres de l'État</p>
<p><b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Kwemeza iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</p>	<p><b><u>Article 15:</u></b> Approval of transfer of rights to use State land</p>	<p><b><u>Article 15 :</u></b> Approbation du transfert des droits d'utilisation des terres de l'État</p>
<p><b><u>UMUTWE WA IV: IMITERERE YA RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA BWA LETA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER IV: CONTENT OF THE REPORT ON THE USE OF STATE LAND</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE IV: CONTENU DU RAPPORT D'UTILISATION DES TERRES DE L'ÉTAT</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Raporo itangwa n'urwego rwa Leta</p>	<p><b><u>Article 16:</u></b> Report submitted by a State organ</p>	<p><b><u>Article 16 :</u></b> Rapport soumis par un organe de l'État</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Raporo itangwa na Minisiteri ishinzwe ububanyi n'amahanga</p>	<p><b><u>Article 17:</u></b> Report submitted by the Ministry in charge of foreign affairs</p>	<p><b><u>Article 17 :</u></b> Rapport soumis par le ministère chargé des affaires étrangères</p>
<p><b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Raporo y'igenzura ry'imikoreshereze y'ubutaka bwa Leta</p>	<p><b><u>Article 18:</u></b> Report on inspection of the State land use</p>	<p><b><u>Article 18 :</u></b> Rapport d'inspection de l'utilisation des terres de l'État</p>

<b><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	<b><u>Article 19:</u></b> Authorities responsible for the implementation of this Order	<b><u>Article 19 :</u></b> Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté
<b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	<b><u>Article 20:</u></b> Commencement	<b><u>Article 20 :</u></b> Entrée en vigueur

<p><b>ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N° 023/03 RYO KU WA 12/08/2022 RIGENA UBURYO INZEGO ZA LETA ZIKORESHA UBUTAKA BWA LETA</b></p> <p><b>Minisitiri w'Intebe;</b></p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 119, iya 120, iya 122, n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 27/2021 ryo ku wa 10/06/2021 rigenga ubutaka, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 39 n'iya 40;</p> <p>Bisabwe na Minisitiri w'Ibidukikije;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 09/04/2022 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p><b>ATEGETSE:</b></p>	<p><b>PRIME MINISTER'S ORDER N° 023/03 OF 12/08/2022 DETERMINING MODALITIES OF USING STATE LAND BY STATE ORGANS</b></p> <p><b>The Prime Minister;</b></p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015 especially in Articles 119, 120, 122, and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 27/2021 of 10/06/2021 governing land, especially in Articles 39 and 40;</p> <p>On proposal by the Minister of Environment;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 09/04/2022;</p> <p><b>ORDERS:</b></p>	<p><b>ARRÊTÉ DU PREMIER MINISTRE N° 023/03 DU 12/08/2022 DÉTERMINANT LES MODALITÉS D'UTILISATION DES TERRES DE L'ÉTAT PAR LES ORGANES DE L'ÉTAT</b></p> <p><b>Le Premier Ministre ;</b></p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 119, 120, 122, et 176 ;</p> <p>Vu la Loi n° 27/2021 du 10/06/2021 portant régime foncier, spécialement en ses articles 39 et 40 ;</p> <p>Sur proposition du Ministre de l'Environnement ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/04/2022 ;</p> <p><b>ARRÊTE :</b></p>
---	---	--

<b>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</b>	<b>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</b>	<b>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</b>
<b><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></b>	<b><u>Article One: Purpose of this Order</u></b>	<b><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></b>
Iri teka rigena –	This Order determines –	Le présent arrêté détermine –
1° uburyo inzego za Leta zikoresha ubutaka bwa Leta;	1° modalities of using State land by State organs;	1° Les modalités d’utilisation des terres de l’État par les organes de l’État ;
2° uburyo bwo gutanga uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta n’uko buhererekanywa;	2° modalities for granting rights to use State land and their transfer; and	2° Les modalités d’octroi des droits d’utilisation des terres de l’État et de leur transfert ; et
3° n’imiterere ya raporo y’imikoreshereze y’ubutaka bwa Leta.	3° the content of the report on the use of State land.	3° Le contenu du rapport d’utilisation des terres de l’État.
<b><u>Ingingo ya 2: Ibirebwa n’iri teka</u></b>	<b><u>Article 2: Scope of application</u></b>	<b><u>Article 2 : Champ d’application</u></b>
Iri teka rireba:	This Order applies to:	Le présent arrêté s’applique :
1 ° ubutaka bwa Leta buri mu mutungo rusange wayo;	1° State land in public domain;	1 ° Aux terres du domaine public de l’État ;
2 ° ubutaka bwa Leta buri mu mutungo bwite wayo, uretse ubukoreshwa mu bikorwa by’ubucuruzi, bwanditswe ku isosiyeti ya Leta cyangwa ku rwego rwihariye rwa Leta.	2° State land in private domain, except State land used for commercial activities registered under the name of a State-owned company or a specialised State organ.	2 ° Aux terres du domaine privé de l’État, à l’exception des terres de l’État utilisées dans des activités commerciales, enregistrées au nom d’une société de l’État ou d’un organe spécialisé de l’État.

<p><b><u>Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo</u></b></p> <p>Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>1° <b>Ikigo:</b> urwego rwa Leta rushinzwe imicungire n'imikoreshereze by'ubutaka;</p> <p>2° <b>Minisiteri:</b> Minisiteri ishinzwe ubutaka;</p> <p>3° <b>Minisitiri:</b> Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano;</p> <p>4° <b>Urwego rwa Leta:</b> urwego rwa Leta harimo n'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage, rufite ubuzima gatozi, rukoresha ubutaka bwa Leta.</p>	<p><b><u>Article 3: Definitions</u></b></p> <p>In this Order, the following terms have the following meanings:</p> <p>1° <b>Authority:</b> a State organ in charge of land use and management;</p> <p>2° <b>Ministry:</b> the Ministry in charge of land;</p> <p>3° <b>Minister:</b> The Minister in charge of land;</p> <p>4° <b>State organ:</b> a State organ including a decentralised entity with legal personality, which uses State land.</p>	<p><b><u>Article 3 : Définitions</u></b></p> <p>Dans le présent arrêté, les termes suivants ont les significations suivantes :</p> <p>1° <b>Office :</b> un organe de l'État chargé de l'utilisation et de la gestion des terres ;</p> <p>2° <b>Ministère :</b> le Ministère chargé des terres ;</p> <p>3° <b>Ministre :</b> le Ministre ayant les terres dans ses attributions ;</p> <p>4° <b>Organe de l'État :</b> un organe de l'État y compris une entité décentralisée dotée de la personnalité juridique, qui utilise les terres de l'État.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: UBURYO INZEGO ZA LETA ZIKORESHA UBUTAKA BWA LETA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: MODALITIES OF USING STATE LAND BY STATE ORGANS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II : MODALITÉS D'UTILISATION DES TERRES DE L'ÉTAT PAR LES ORGANES DE L'ÉTAT</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Uburenganzira bw'urwego rwa Leta</u></b></p> <p>Urwego rwa Leta rufite uburenganzira bukurikira:</p> <p>1° gukoresha ubutaka bwa Leta</p>	<p><b><u>Article 4: Rights of a State organ</u></b></p> <p>A State organ is entitled to the following rights:</p> <p>1° to use State land in compliance with the</p>	<p><b><u>Article 4 : Droits d'un organe de l'État</u></b></p> <p>Un organe de l'État a les droits suivants :</p> <p>1° utiliser les terres de l'État en respectant</p>

<p>hubahirizwa igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka cy'aho ubutaka buherereye;</p> <p>2° gusarura ibyakorewe ku butaka bwa Leta, rwubahiriza ibiteganywa n'amategeko abigenga;</p> <p>3° gukodesha imitungo iri ku butaka bwa Leta;</p> <p>4° gufatanya imicungire y'ubutaka bwa Leta n'urundi rwego rwa Leta.</p>	<p>land use master plan of the area where the land is located;</p> <p>2° to harvest the produce from the State land, in accordance with provisions of relevant laws;</p> <p>3° to rent properties on State land;</p> <p>4° to co-manage State land with another State organ.</p>	<p>le schéma directeur d'utilisation des terres du lieu où les terres se situent ;</p> <p>2° récolter les produits des terres de l'État, conformément aux dispositions légales en la matière ;</p> <p>3° louer les biens incorporés sur les terres de l'État ;</p> <p>4° cogérer les terres de l'État avec un autre organe de l'État.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 5: Inshingano z'urwego rwa Leta</u></b></p>	<p><b><u>Article 5: Obligations of a State organ</u></b></p>	<p><b><u>Article 5 : Obligations d'un organe de l'État</u></b></p>
<p>Urwego rwa Leta rufite inshingano zikurikira:</p>	<p>A State organ has the following obligations:</p>	<p>Un organe de l'État a des obligations suivantes:</p>
<p>1° gukoresha ubutaka bwa Leta hakurikijwe igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka n'ibindi bipimo ngenderwaho;</p> <p>2° kurinda ubutaka bwa Leta kwangirika;</p> <p>3° kurinda ubutaka bwa Leta kuvogerwa;</p> <p>4° kongerera agaciro ubutaka bwa Leta;</p>	<p>1° to exploit State land in accordance with the land use master plan and required standards;</p> <p>2° to prevent degradation of State land;</p> <p>3° to prevent trespass on State land;</p> <p>4° to add value to State land;</p>	<p>1° exploiter les terres de l'État conformément au schéma directeur d'utilisation des terres et aux standards requis ;</p> <p>2° protéger les terres de l'État contre la dégradation ;</p> <p>3° protéger les terres de l'État contre toute intrusion ;</p> <p>4° ajouter de la valeur aux terres de l'État ;</p>



*Official Gazette n° Special of 18/08/2022*

<p>5° gutegura inyandiko n’ibimenyetso by’ibirego byerekeye ubutaka bwa Leta no kubishyikiriza Serivisi z’Intumwa Nkuru ya Leta, rukagenera kopi Minisiteri;</p> <p>6° gushyikiriza Minisiteri raporo ikubiyemo isesengura n’ibyifuzo nama ku bibazo bireba ubutaka bwa Leta, bitarenze iminsi cumi n’itanu (15) uherye ku munsu rwamenyeho icyo kibazo;</p> <p>7° kumenyesha Minisiteri imanza zireba ubutaka bwa Leta;</p> <p>8° kumenyesha Minisiteri ko rutagikeneye gukoresha ubutaka bwa Leta, bitarenze iminsi cumi n’itanu (15) uherye ku munsu rwahagarikiye kubukoresha.</p>	<p>5° to prepare the documents and proofs for cases in relation to the State land and submit them to the Office of the Attorney General with a copy to the Ministry;</p> <p>6° to submit to the Ministry a report containing an analysis and recommendations on issues related to State land, within fifteen (15) days from the date the State organ has learnt about the issue;</p> <p>7° to inform the Ministry about court cases relating to State land;</p> <p>8° to inform the Ministry about renunciation of use of State land, within fifteen (15) days from the date of the renunciation.</p>	<p>5° préparer les documents et les preuves des affaires relatives aux terres de l’État et les transmettre aux services du Garde des Sceaux avec une copie au Ministère;</p> <p>6° soumettre au Ministère un rapport contenant une analyse et des recommandations sur des questions relatives aux terres de l’État, endéans quinze (15) jours à partir du jour où l’organe de l’État a pris connaissance de la question ;</p> <p>7° informer le Ministère sur les actions en justice relatives aux terres de l’État ;</p> <p>8° informer le Ministère sur la renonciation à l’utilisation des terres de l’État, endéans quinze (15) jours à partir du jour de renonciation.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Imicungire y’imikoreshereze y’ubutaka bwa Leta</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Management of the use of State land</u></b></p>	<p><b><u>Article 6 : Gestion de l’utilisation des terres de l’État</u></b></p>
<p>Minisiteri icunga uburyo ubutaka bwa Leta bukoreshwa, binyuze mu –</p>	<p>The Ministry ensures the management of State land use, through –</p>	<p>Le Ministère assure la gestion de l’utilisation des terres de l’État, à travers –</p>
<p>1° gushyiraho amabwiriza y’imicungire y’ubutaka bwa Leta bukoreshwa n’inzezo za Leta;</p>	<p>1° issuing instructions relating to the management of State land used by State organs;</p>	<p>1° l’émission des instructions relatives à la gestion des terres de l’État utilisées par les organes de l’État ;</p>

*Official Gazette n° Special of 18/08/2022*

<p>2° gukora igenamigambi ryo kubyaza umusaruro ubutaka bwa Leta ifatanyije n'inzego za Leta bireba;</p> <p>3° gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ryo kubyaza umusaruro ubutaka bwa Leta;</p> <p>4° kwemeza ihererekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta hagati y'inzego za Leta;</p> <p>5° gutanga uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta;</p> <p>6° gufata ingamba z'imicungire inoze y'ubutaka bwa Leta hashingiwe kuri raporo ku mikoreshereze yabwo;</p> <p>7° kugena ubundi buryo ubutaka bwa Leta bwakoreshwaga n'urwego rwa Leta bwakoreshwamo.</p>	<p>2° designing plans of exploitation of State land in collaboration with concerned State organs;</p> <p>3° monitoring the implementation of plans of exploitation of State land;</p> <p>4° approving the transfer of rights to use State land between State organs;</p> <p>5° granting rights to use State land;</p> <p>6° taking measures to ensure the efficient management of State land, on basis of the State land use report;</p> <p>7° determining other modalities of using State land other than how it was previously used.</p>	<p>2° l'élaboration des plans d'exploitation des terres de l'État en collaboration avec les organes de l'État concernés ;</p> <p>3° le suivi de la mise en œuvre des plans d'exploitation des terres de l'État ;</p> <p>4° l'approbation du transfert des droits d'utilisation des terres de l'État entre les organes de l'État ;</p> <p>5° l'octroi des droits d'utilisation des terres de l'État ;</p> <p>6° la prise des mesures pour la gestion efficiente des terres de l'État, sur base du rapport sur l'utilisation de ces terres ;</p> <p>7° la détermination d'autres modalités d'utilisation des terres de l'État, outre que précédemment utilisées.</p>
<p>Icyakora, Minisiteri iha urundi rwego rwa Leta uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta budakoreshwa neza, ibanje guha urwego rwa Leta rwabukoreshaga integuza y'iminsi mirongo icyenda (90).</p>	<p>However, the Ministry grants to another State organ the rights to use State land that is ineffectively exploited, upon ninety (90) days notice given to the State organ that was using the State land.</p>	<p>Toutefois, le Ministère accorde à un autre organe de l'État les droits d'utilisation des terres de l'État qui sont mal exploitées, après préavis de quatre-vingt-dix (90) jours donnés à l'organe de l'État qui utilisait les terres de l'État.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Imicungire y'imikoreshereze y'ubutaka Leta y'u Rwanda yahawe n'ikindi gihugu</b></p> <p>Minisiteri ishinzwe ububanyi n'amahanga ikurikirana imikoreshereze y'ubutaka Leta y'u Rwanda yahawe n'ikindi gihugu.</p> <p><b>UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUTANGA UBURENGANZIRA BWO GUKOresha UBUTAKA BWA LETA N'UKO BUHEREREKANYWA</b></p> <p><b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Uburyo bwo gutanga uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 8:</u> Gusaba uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</b></p> <p>Urwego rwa Leta rushaka gukoresha ubutaka bwa Leta budakoreshwa n'urundi rwego rwa Leta, rushyikiriza Minisiteri idosiye y'ubusabe bw'uburenganzira bwo gukoresha ubwo butaka.</p> <p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Ibigize idosiye y'ubusabe bw'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta budakoreshwa n'urundi rwego rwa Leta</b></p> <p>Idosiye y'ubusabe bw'uburenganzira bwo</p>	<p><b><u>Article 7:</u> Management of the use of land allocated to Rwanda by another State</b></p> <p>The Ministry in charge of foreign affairs manages the use of land allocated to Rwanda by another State.</p> <p><b>CHAPTER III: MODALITIES FOR GRANTING RIGHTS TO USE STATE LAND AND THEIR TRANSFER</b></p> <p><b><u>Section One:</u> Modalities for granting rights to use State land</b></p> <p><b><u>Article 8:</u> Application for rights to use State land</b></p> <p>A State organ that intends to use State land not used by any other State organ, submits to the Ministry an application file for the rights to use the land.</p> <p><b><u>Article 9:</u> Content of the application file for rights to use State land not used by any other State organ</b></p> <p>An application file for the rights to use State</p>	<p><b><u>Article 7 :</u> Gestion de l'utilisation des terres cédées au Rwanda par un autre État</b></p> <p>Le Ministère chargé des affaires étrangères assure la gestion de l'utilisation des terres cédées au Rwanda par un autre État.</p> <p><b>CHAPITRE III : MODALITÉS D'OCTROI DES DROITS D'UTILISATION DES TERRES DE L'ÉTAT ET DE LEUR TRANSFERT</b></p> <p><b><u>Section première :</u> Modalités d'octroi des droits d'utilisation des terres de l'État</b></p> <p><b><u>Article 8 :</u> Demande des droits d'utilisation des terres de l'État</b></p> <p>Un organe de l'État qui a l'intention d'utiliser les terres de l'État non utilisées par aucun autre organe de l'État, soumet au Ministère le dossier de demande des droits d'utilisation de ces terres.</p> <p><b><u>Article 9 :</u> Contenu du dossier de demande des droits d'utilisation des terres de l'État non utilisées par aucun autre organe de l'État</b></p> <p>Le dossier de demande des droits d'utilisation</p>
---	---	--

<p>gukoresha ubutaka bwa Leta budakoreshwa n'urundi rwego rwa Leta igizwe n'ibi bikurikira:</p> <p>1° ibaruwa isaba yandikiwe Minisitiri;</p> <p>2° inyandiko igaragaza ibikorwa bizakorerwa kuri ubwo butaka;</p> <p>3° indi nyandiko ya ngombwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Isuzumwa ry'ubusabe bw'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta budakoreshwa n'urundi rwego rwa Leta</b></p> <p>Minisitiri isuzuma ubusabe bw'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye ku muni yakiriyeho idosiye y'ubusabe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Itangwa ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta budakoreshwa n'urundi rwego rwa Leta</b></p> <p>Iyo Minisitiri yemeje ubusabe bw'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta, ibimenyeshya mu nyandiko urwego rwasabye, ikagera kopi Umubitsi Mukuru w'inyandikompamo z'ubutaka.</p>	<p>land not used by any other State organ comprises the following:</p> <p>1° an application letter to the Minister;</p> <p>2° a plan of exploitation of the land;</p> <p>3° another relevant document.</p> <p><b><u>Article 10:</u> Assessment of application for rights to use State land not used by any other State organ</b></p> <p>The Ministry assesses the application for the rights to use State land within thirty (30) days from the date of reception of the application file.</p> <p><b><u>Article 11:</u> Granting rights to use State land not used by any other State organ</b></p> <p>If the Ministry approves the application for the rights to use the State land, it notifies the applicant in writing, with a copy to the Chief Registrar of land titles.</p>	<p>des terres de l'État non utilisées par aucun autre organe de l'État est composé de ce qui suit :</p> <p>1° une lettre de demande adressée au Ministre ;</p> <p>2° un plan d'exploitation de ces terres ;</p> <p>3° un autre document jugé nécessaire.</p> <p><b><u>Article 10 :</u> Examen de la demande des droits d'utilisation des terres de l'État non utilisées par aucun autre organe de l'État</b></p> <p>Le Ministère examine la demande des droits d'utilisation des terres de l'État endéans trente (30) jours à partir du jour de la réception du dossier de demande.</p> <p><b><u>Article 11 :</u> Octroi des droits d'utilisation des terres de l'État non utilisées par aucun autre organe de l'État</b></p> <p>Lorsque le Ministère approuve la demande des droits d'utilisation des terres de l'État, il en informe le demandeur, par écrit, et en réserve une copie au Conservateur en Chef des titres fonciers.</p>
--	--	--

<p>Umubitsi Mukuru w'inyandikompano z'ubutaka yandika muri rejisitiri y'ubutaka iryo tangwa, akabimenyesha mu nyandiko urwego rwahawe uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta.</p>	<p>The Chief Registrar of land titles records the rights in the land register, and notifies, in writing, the State organ granted the rights to use State land.</p>	<p>Le Conservateur en Chef des titres fonciers inscrit ces droits dans le registre foncier, et en informe, par écrit, l'organe de l'État qui a acquis les droits d'utilisation des terres de l'État.</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 2:</u> Uburyo bw'iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</b></p>	<p><b><u>Section 2:</u> Modalities for transfer of rights to use State land</b></p>	<p><b><u>Section 2 :</u> Modalités de transfert des droits d'utilisation des terres de l'État</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Gusaba iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</b></p>	<p><b><u>Article 12:</u> Application for transfer of rights to use State land</b></p>	<p><b><u>Article 12 :</u> Demande de transfert des droits d'utilisation des terres de l'État</b></p>
<p>Urwego rwa Leta rushaka gukoresha ubutaka bwa Leta bwakoreshwaga n'urundi rwego rwa Leta, rushyikiriza Minisitiri idosiye y'ubusabe bw'iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubwo butaka.</p>	<p>A State organ that intends to use State land used by another State organ submits to the Ministry an application file for transfer of the rights to use the land.</p>	<p>Un organe de l'État qui a l'intention d'utiliser les terres de l'État utilisées par un autre organe de l'État soumet au Ministère le dossier de demande de transfert des droits d'utilisation de ces terres.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Ibigize idosiye y'ubusabe bw'iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</b></p>	<p><b><u>Article 13:</u> Content of the application file for transfer of rights to use State land</b></p>	<p><b><u>Article 13 :</u> Contenu du dossier de demande de transfert des droits d'utilisation des terres de l'État</b></p>
<p>Idosiye y'ubusabe bw'iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta igizwe n'ibi bikurikira:</p>	<p>An application file for transfer of the rights to use State land comprises the following:</p>	<p>Le dossier de demande de transfert des droits d'utilisation des terres de l'État est composé de ce qui suit :</p>
<p>1° ibaruwa isaba yandikiwe Minisitiri;</p>	<p>1° an application letter to the Minister;</p>	<p>1° une lettre de demande adressée au Ministre ;</p>
<p>2° inomero yihariye iranga ubutaka</p>	<p>2° the Unique Parcel Identifier or deed</p>	<p>2° l'identifiant unique de la parcelle ou la</p>

<p>cyangwa ifishi y'ibipimo by'ubutaka burebwa n'iherekanya;</p> <p>3° inyandiko igaragaza ibikorwa bizakorerwa kuri ubwo ubutaka;</p> <p>4° indi nyandiko ya ngombwa.</p> <p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Isuzumwa ry'ubusabe bw'iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</b></p> <p>Minisiteri isuzuma ubusabe bw'iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uherye ku muni yakiriyeho idosiye y'ubusabe. Muri iki gihe, Minisiteri igisha inama inzego za Leta bireba.</p> <p><b><u>Ingingo ya 15:</u> Kwemeza iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta</b></p> <p>Iyo Minisiteri yemeje ubusabe bw'iherekanya ry'uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta, ibimenyeshya mu nyandiko urwego rwasabye, ikagera kopi urwego rwa Leta rwakoreshaga ubwo butaka n'Umubitsi Mukuru w'inyandikompano z'ubutaka.</p> <p>Umubitsi Mukuru w'inyandikompano</p>	<p>plan of the State land subject to transfer;</p> <p>3° a plan of exploitation of the land;</p> <p>4° another relevant document.</p> <p><b><u>Article 14:</u> Assessment of application for transfer of rights to use State land</b></p> <p>The Ministry assesses the application for transfer of rights to use State land within thirty (30) days from the date of reception of the application file. During this period, the Ministry consults relevant State organs.</p> <p><b><u>Article 15:</u> Approval of transfer of rights to use State land</b></p> <p>If the Ministry approves the application for transfer of rights to use the State land, it notifies the applicant in writing, with a copy to the State organ previously using the land and the Chief Registrar of land titles</p> <p>The Chief Registrar of land titles records the</p>	<p>fiche cadastrale des terres de l'État faisant l'objet du transfert ;</p> <p>3° un plan d'exploitation de ces terres ;</p> <p>4° un autre document jugé nécessaire.</p> <p><b><u>Article 14 :</u> Examen de la demande de transfert des droits d'utilisation des terres de l'État</b></p> <p>Le Ministère examine la demande de transfert des droits d'utilisation des terres de l'État endéans trente (30) jours à partir du jour de la réception du dossier de demande. Lors de ce délai, le Ministère consulte des organes de l'État concernés.</p> <p><b><u>Article 15 :</u> Approbation du transfert des droits d'utilisation des terres de l'État</b></p> <p>Lorsque le Ministère approuve la demande de transfert des droits d'utilisation des terres de l'État, il en informe le demandeur, par écrit, et en réserve une copie à l'organe de l'État qui utilisait ces terres et au Conservateur en Chef des titres fonciers.</p> <p>Le Conservateur en Chef des titres fonciers</p>
--	--	---

<p>z'ubutaka yandika muri rejisitiri y'ubutaka iryo hererekanya, akabimenyesha mu nyandiko urwego rwa Leta rwahawe uburenganzira bwo gukoresha ubutaka bwa Leta.</p>	<p>transfer in the land register, and notifies, in writing, the State organ granted the rights to use State land.</p>	<p>inscrit le transfert dans le registre foncier, et en informe, par écrit, l'organe de l'État qui a acquis les droits d'utilisation des terres de l'État.</p>
<p><b>UMUTWE WA IV: IMITERERE YA RAPORO Y'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA BWA LETA</b></p>	<p><b>CHAPTER IV: CONTENT OF THE REPORT ON THE USE OF STATE LAND</b></p>	<p><b>CHAPITRE IV : CONTENU DU RAPPORT D'UTILISATION DES TERRES DE L'ÉTAT</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 16:</u> Raporo itangwa n'urwego rwa Leta</b></p>	<p><b><u>Article 16:</u> Report submitted by a State organ</b></p>	<p><b><u>Article 16 :</u> Rapport soumis par un organe de l'État</b></p>
<p>Urwego rwa Leta rushyikiriza Ikigo raporo y'imikoreshereze y'ubutaka bwa Leta, rukagera kopi Minisiteri, bitarenze ku wa 31 Nyakanga, buri mwaka.</p>	<p>A State organ submits to the Authority a report on the use of State land, with a copy to the Ministry, not later than 31<sup>st</sup> July, each year.</p>	<p>Un organe de l'État soumet à l'Office un rapport d'utilisation des terres de l'État, et en réserve une copie au Ministère, au plus tard le 31 juillet de chaque année.</p>
<p>Iyo raporo igaragaza ibi bikurikira:</p>	<p>The report indicates the following:</p>	<p>Le rapport indique ce qui suit :</p>
<p>1° inomero yihariye iranga ubutaka;</p> <p>2° icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa;</p> <p>3° ibikorwa bikorerwa kuri ubwo butaka;</p> <p>4° ibikorwa biteganywa gukorerwa kuri ubwo butaka n'igihe bizakorerwa;</p> <p>5° imitungo iri kuri ubwo butaka;</p> <p>6° imiterere y'ubutaka n'iy'ibiri kuri ubwo butaka;</p>	<p>1° Unique Parcel Identifier;</p> <p>2° land use;</p> <p>3° current use of the land;</p> <p>4° planned land use and time frame;</p> <p>5° property on the land;</p> <p>6° the current status of the land and property thereon;</p>	<p>1° l'identifiant unique de la parcelle ;</p> <p>2° l'utilisation des terres ;</p> <p>3° l'utilisation actuelle des terres ;</p> <p>4° l'utilisation des terres planifiée et le calendrier de mise en exécution ;</p> <p>5° les biens incorporés sur ces terres ;</p> <p>6° l'état actuel des terres et des biens qui y sont incorporés ;</p>

<p>7° agaciro kagereranyije k'ubutaka n'ak'ibiri kuri ubwo butaka;</p> <p>8° ingamba zafashwe mu rwego rwo kurinda ubutaka bwa Leta kwangirika;</p> <p>9° andi makuru arebana n'ubwo butaka.</p>	<p>7° the estimated value of the land and property thereon;</p> <p>8° measures taken to prevent State land degradation;</p> <p>9° further information on the land.</p>	<p>7° la valeur estimée des terres et des biens qui y sont incorporés ;</p> <p>8° les mesures prises pour prévenir la dégradation des terres de l'État ;</p> <p>9° d'autres informations sur ces terres.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 17: Raporo itangwa na Minisiteri ishinzwe ububanyi n'amahanga</u></b></p> <p>Minisiteri ishinzwe ububanyi n'amahanga ishyikiriza Minisiteri raporo y'imikoreshereze y'ubutaka Leta yahawe n'ikindi gihugu, ikagenera kopi Ikigo, bitarenze ku wa 31 Nyakanga, buri mwaka.</p> <p>Iyo raporo igaragaza ibi bikurikira:</p> <p>1° ubuso bw'ubutaka;</p> <p>2° ibikorwa bikorerwa kuri ubwo butaka;</p> <p>3° ibikorwa biteganyijwe gukorerwa kuri ubwo butaka n'igihe bizakorerwa;</p> <p>4° imitungo iri kuri ubwo butaka;</p> <p>5° agaciro kagereranyije k'ubutaka n'ak'ibiri kuri ubwo butaka;</p>	<p><b><u>Article 17: Report submitted by the Ministry in charge of foreign affairs</u></b></p> <p>The Ministry in charge of foreign affairs submits to the Ministry a report on use of land allocated to Rwanda by another State, with a copy to the Authority, not later than 31<sup>st</sup> July, each year.</p> <p>The report indicates the following:</p> <p>1° surface area of the land;</p> <p>2° current use of the land;</p> <p>3° planned land use and time frame;</p> <p>4° property on the land;</p> <p>5° the estimated value of the land and property thereon;</p>	<p><b><u>Article 17 : Rapport soumis par le ministère chargé des affaires étrangères</u></b></p> <p>Le ministère chargé des affaires étrangères soumet au Ministère un rapport sur l'utilisation des terres cédées au Rwanda par un autre État et en réserve une copie à l'Office, au plus tard le 31 juillet, chaque année.</p> <p>Le rapport indique ce qui suit :</p> <p>1° la superficie des terres ;</p> <p>2° l'utilisation actuelle des terres ;</p> <p>3° l'utilisation des terres planifiée et le calendrier de mise en exécution ;</p> <p>4° les biens incorporés sur ces terres ;</p> <p>5° la valeur estimée des terres et des biens qui y sont incorporés ;</p>



<p>6° andi makuru arebana n'ubwo butaka.</p> <p><b><u>Ingingo ya 18: Raporo y'igenzura ry'imikoreshereze y'ubutaka bwa Leta</u></b></p> <p>Raporo y'igenzura ry'imikoreshereze y'ubutaka bwa Leta igaragaza ibi bikurikira:</p> <p>1° umubare, ubuso n'agaciro kagereranyije by'ubutaka bwaganzuwe;</p> <p>2° urutonde rw'ubutaka bukoreshwa n'inzego za Leta, ibiburanga, ubuso bwabwo, n'inzego zibukoresha;</p> <p>3° umubare n'ubuso by'ubutaka bukoreshwa neza ;</p> <p>4° urutonde rw'ubutaka budakoreshwa neza, ibiburanga, inzego za Leta zibukoresha, impamvu budakoreshwa neza n'ibyifuzo nama;</p> <p>5° urutonde rw'ubutaka budafite urwego rwa Leta rubukoresha, ubuso bwabwo n'ibiburanga;</p> <p>6° ubuso n'ibiranga ubutaka bwagarujwe;</p>	<p>6° further information on the land.</p> <p><b><u>Article 18: Report on inspection of the State land use</u></b></p> <p>The report on inspection of the State land use indicates the following:</p> <p>1° the number, surface area and estimated value of land under inspection;</p> <p>2° a list of land used by State organs, information on the land, its surface area, and State organs using it;</p> <p>3° the number and surface area of land effectively exploited;</p> <p>4° a list of land ineffectively exploited, information on the land, State organs using it, reasons for ineffective exploitation and recommendations;</p> <p>5° a list of land not exploited by any State organ, information on the land and its surface area;</p> <p>6° surface area and information on land that was recovered;</p>	<p>6° d'autres informations sur les terres.</p> <p><b><u>Article 18 : Rapport d'inspection de l'utilisation des terres de l'État</u></b></p> <p>Le rapport d'inspection de l'utilisation des terres de l'État indique ce qui suit :</p> <p>1° le nombre, la superficie et la valeur estimée des terres assujetties à l'inspection ;</p> <p>2° la liste des terres utilisées par les organes de l'État, les informations sur ces terres, leur superficie et les organes de l'État qui les utilisent ;</p> <p>3° le nombre et la superficie des terres bien exploitées ;</p> <p>4° la liste des terres mal exploitées, les informations sur ces terres, les organes de l'État qui les exploitent, les raisons de la mauvaise exploitation et les recommandations ;</p> <p>5° la liste des terres non exploitées par aucun organe de l'État, les informations sur ces terres et leur superficie ;</p> <p>6° la superficie et les informations sur les terres recouvrées ;</p>
---	--	--

*Official Gazette n° Special of 18/08/2022*

7° ubuso n'ibiranga ubutaka bwari bwanditse kuri Leta bugasubizwa abaturage;	7° surface area and information on State land repossessed by individuals;	7° la superficie et les informations sur les terres de l'État repossédées par les particuliers ;
8° ubuso n'ibiranga ubutaka bwanditswe kuri Leta by'agateganyo;	8° surface area and information on State land provisionally registered as State land;	8° la superficie et les informations sur les terres provisoirement enregistrées dans les terres de l'État ;
9° ubuso n'ibiranga ubutaka bwatijwe mu rwego rw'ishoramari rirambye;	9° surface area and information on land conceded for strategic investment;	9° la superficie et les informations sur les terres concédées aux fins d'investissement stratégique ;
10° ubuso n'ibiranga ubutaka bwatijwe;	10° surface area and information on land conceded;	10° la superficie et les informations sur les terres concédées ;
11° ishusho igaragaza uburyo imikoreshereze y'ubutaka bwa Leta yubahiriza igishushanyo mbonera cy'imikoreshereze y'ubutaka;	11° a description of how the use of State land is guided by the land use master plan;	11° la description de la manière dont l'utilisation des terres de l'État est guidée par le schéma directeur d'utilisation des terres ;
12° ingamba zafashwe mu rwego rwo kurinda ubutaka kuvogerwa no kwangirika;	12° measures taken to prevent land from trespass and degradation;	12° les mesures prises pour protéger les terres contre l'intrusion et contre la dégradation ;
13° ibibazo byagaragaye mu mikoreshereze y'ubutaka bwa Leta;	13° issues raised in State land use;	13° les problèmes soulevés dans l'utilisation des terres de l'État ;
14° amakuru ku butaka Leta y'u Rwanda yahawe n'ibindi bihugu yerekeye ubuso bwabwo, ibihugu buherereyemo n'ibikorwa bibukorerwaho;	14° information on land allocated to Rwanda by other States, in relation with its surface area, location and current use;	14° les informations sur les terres cédées au Rwanda par d'autres États, en rapport avec leur superficie, leur localisation et leur utilisation actuelle ;

<p>15° amakuru ku iyubahirizwa ry'amasezerano yo gukodesha ubutaka bwa Leta n'intizo y'ubutaka mu rwego rw'ishoramari;</p> <p>16° amakuru ku iyubahirizwa ry'amasezerano y'intizo y'ubutaka mu rwego rw'imibereho myiza;</p> <p>17° amakuru ku manza zerekeye ubutaka bwa Leta;</p> <p>18° andi makuru ya ngombwa y'imikoreshereze y'ubutaka bwa Leta.</p>	<p>15° information on the status of compliance of State land lease and concession for strategic investment;</p> <p>16° information on the status of compliance of State land concession for social welfare;</p> <p>17° information about court cases relating to State land;</p> <p>18° other relevant information on State land use.</p>	<p>15° les informations sur l'état de respect du bail et de la concession des terres de l'État aux fins d'investissement stratégique ;</p> <p>16° les informations sur l'état de respect de la concession des terres de l'État pour le bien-être social ;</p> <p>17° les informations sur les actions en justice relatives aux terres de l'État ;</p> <p>18° d'autres informations pertinentes sur l'utilisation des terres de l'État.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE V : DISPOSITIONS FINALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 19: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka</u></b></p>	<p><b><u>Article 19: Authorities responsible for the implementation of this Order</u></b></p>	<p><b><u>Article 19 : Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté</u></b></p>
<p>Minisitiri w'Ibidukikije na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.</p>	<p>Minister of Environment and the Minister of Foreign Affairs and International Cooperation are entrusted with the implementation of this Order.</p>	<p>Le Ministre de l'Environnement et le Ministre des Affaires Étrangères et de la Coopération Internationale sont chargés de l'exécution du présent arrêté.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 20: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></b></p>	<p><b><u>Article 20: Commencement</u></b></p>	<p><b><u>Article 20 : Entrée en vigueur</u></b></p>
<p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>

Kigali, 12/08/2022

(Sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**

Minisitiri w'Intebe

Prime Minister

Premier Ministre

(Sé)

**Dr MUJAWAMARIYA Jeanne d'Arc**

Minisitiri w'Ibidukikije

Minister of Environment

Ministre de l'Environnement

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(Sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux